4. Ijambo "inyungu" nk'uko rikoreshwa muri iyi ngingo risobanura umusaruro uturuka mu kwishyurwa imyenda ya buri bwoko, yaba yaratanzweho cyangwa itaratanzweho ingwate zishingiye ku nguzanyo kandi yaba itanga cyangwa idatanga uburenganzira bwo kugira uruhare mu nyungu z'urimo umwenda, ndetse cyane cyane n'umusaruro uturuka ku mpapuro z'agaciro zitangwa na Leta, n'umusaruro uturuka ku mpapuro z'agaciro mvunjwafaranga cyangwa nyemezamwenda, harimo amafaranga	4. The term "interest" as used in this Article means income from debt-claims of every kind, whether or not secured by mortgage and whether or not carrying a right to participate in the debtor's profits, and in particular, income from government securities and income from bonds or debentures, including premiums and prizes attaching to such securities, bonds or debentures. Penalty charges for late payment shall not be regarded as interest for the purposes of this Article. The term "interest" shall not include any item of	4. Le terme "intérêts" tel qu'il est utilisé dans le présent article désigne les revenus provenant de créances de toute nature, garanties ou non par une hypothèque et donnant ou non droit à une participation aux bénéfices du débiteur, et en particulier les revenus provenant de titres d'État et les revenus provenant d'obligations ou de débentures, y compris les primes et les prix attachés à ces titres, obligations ou débentures. Les pénalités de retard ne sont pas considérées comme des intérêts aux fins du présent article. Le terme "intérêts"

y'umusanzu n'ibihembo bijyanye n'izo mpapuro z'agaciro, mvunjwafaranga cyangwa nyemezamwenda. Ibihano bituruka ku bucyererwe mu kwishyura ntibifatwa nk'inyungu ku mpamvu z'iyi ngingo. Ijambo "inyungu" ntirikubiyemo ikintu icyo ari cyo cyose cy'umusaruro gifatwa nk'urwunguko rugabanwa hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 3 cy'ingingo ya 10.

income which is considered as a dividend under the provisions of paragraph 3 of Article 10.

ne comprend pas les revenus qui sont considérés comme des dividendes en vertu des dispositions du paragraphe 3 de l'article 10.

5. Ibiteganyijwe mu gika cya 1, icya 2 n'icya 3 ntibikurikizwa iyo nyir'uguhabwa inyungu, utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano, akorera ibikorwa by'ubucuruzi bibyara izo nyungu binyuze mu kigo gihoraho giherereye mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano kandi na none imyenda yishyuzwa ibyara izo inyungu ifite aho ihuriye neza n'icyo kigo gihoraho. Iyo bimeze bityo ibiteganyijwe mu ngingo ya 7 birakurikizwa.

5. The provisions of paragraphs 1, 2 and 3 shall not apply if the beneficial owner of the interest, being a resident of a Contracting State, carries on business in the other Contracting State in which the interest arises through a permanent establishment situated therein and the debt-claim in respect of which the interest is paid is effectively connected with such permanent establishment. In such case the provisions of Article 7 shall apply.

5. Les dispositions des paragraphes 1, 2 et 3 ne s'appliquent pas si le bénéficiaire effectif des intérêts, qui est un résident d'un État contractant, exerce une activité dans l'autre État contractant d'où proviennent les intérêts par l'intermédiaire d'un établissement stable qui y est situé et si la créance qui donne lieu au paiement des intérêts est effectivement rattachée à cet établissement stable. Dans ce cas, les dispositions de l'article 7 s'appliquent.

6. Inyungu zifatwa nk'izaturutse mu Gihugu kiri mu Masezerano mu gihe uwishyura aba muri icyo Gihugu. Icyakora, iyo umuntu wishyuye inyungu, yaba atuye mu Gihugu kiri mu Masezerano cyangwa atari utuye mu Gihugu kiri mu

6. Interest shall be deemed to arise in a Contracting State when the payer is a resident of that State. Where, however, the person paying the interest, whether that person is a resident of a Contracting State or not, has in a Contracting State a

6. Les intérêts sont considérés comme provenant d'un État contractant lorsque le débiteur est un résident de cet État. Toutefois, lorsque la personne qui paie les intérêts, qu'elle soit ou non un résident d'un État contractant, a dans un État contractant

Masezerano, afite ikigo gihoraho gifitanye isano n'umwenda w'inyungu yishyuriwe, kandi iyo nyungu ikaba ituruka kuri icyo kigo gihoraho, iyo nyungu ifatwa nk'iyavutse mu Gihugu aho ikigo gihoraho giherereye.

7. Iyo, bitewe n'imikoranire yihariye hagati y'uwishyura na nyir'uguhabwa inyungu cyangwa yabo bombi n'undi muntu, mu gihe umubare w'amafaranga y'inyungu, hashingiwe ku mwenda wishyurirwa inyungu, urenze uwari kumvikanwaho hagati y'uwishyura na nyir'uguhabwa inyungu hatarimo imikoranire nk'iyoye, ibiteganyijwe muri iyi ngingo bikurikizwa gusa ku mubare w'amafaranga avuzwe nyuma. Iyo bimeze bityo, igice kirenga ku bwishyu kigomba gusoreshwa hakurikijwe amategeko yo mu Gihugu kiri mu Masezerano bireba, hashingiwe ku bindi bikubiye muri aya Masezerano.

Ingingo ya 12: Ibihembo by'ubuhanzi n'amafaranga atangwa kuri serivisi mu bya tekiniiki

permanent establishment in connection with which the indebtedness on which the interest is paid was incurred, and such interest is borne by such permanent establishment, then such interest shall be deemed to arise in the State in which the permanent establishment is situated.

7. Where, by reason of a special relationship between the payer and the beneficial owner or between both of them and some other person, the amount of the interest, having regard to the debt-claim for which it is paid, exceeds the amount which would have been agreed upon by the payer and the beneficial owner in the absence of such relationship, the provisions of this Article shall apply only to the last-mentioned amount. In such case, the excess part of the payments shall remain taxable according to the laws of each Contracting State, due regard being had to the other provisions of this Agreement.

Article 12: Royalties and fees for technical services

un établissement stable en relation avec lequel la dette donnant lieu au paiement des intérêts a été contractée, et que ces intérêts sont supportés par cet établissement stable, ces intérêts sont considérés comme provenant de l'État dans lequel l'établissement stable est situé.

7. Lorsque, en raison d'une relation spéciale entre le payeur et le bénéficiaire effectif ou entre ces deux personnes et une autre personne, le montant des intérêts, compte tenu de la créance pour laquelle ils sont payés, excède le montant qui aurait été convenu entre le payeur et le bénéficiaire effectif en l'absence d'une telle relation, les dispositions du présent article ne s'appliquent qu'à ce dernier montant. Dans ce cas, l'excédent des paiements reste imposable selon la législation de chaque État contractant, compte tenu des autres dispositions du présent accord.

Article 12 : Redevances et honoraires pour services techniques

1. Ibihembo by'ubuhanzi n'amafaranga atangwa kuri serivisi mu bya tekiniiki aturuka mu Gihugu kiri mu Masezerano kandi yishyurwa utuye mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano ashobora gusoreshwa muri icyo Gihugu kindi.

2. Icyakora, ibihembo by'ubuhanzi n'amafaranga atangwa kuri serivisi mu bya tekiniiki aturuka mu Gihugu kiri mu Masezerano ashobora na yo gusoreshwa hakurikijwe amategeko y'icyo gihugu, ariko iyo nyir'uguhabwa ibihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga atangwa kuri serivisi za tekiniiki atuye mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano, umusoro utangwa ntushobora kurenza 10 ku ijana by'umubare mbumbe w'ibihembo by'ubuhanzi n'amafaranga atangwa kuri serivisi za tekiniiki.

3.
a) Ijambo "ibihembo by'ubuhanzi" nk'uko rikoresheya muri iyi ngingo risobanura ubwishyu ubwo ari bwo bwose bwakiriwe kubera gukoresha cyangwa uburenganzira bwo gukoresha uburenganzira bw'umuhanzi ku bihangano by'ubuvanganzo, iby'ubugeni cyangwa

1. Royalties and fees for technical services arising in a Contracting State and paid to a resident of the other Contracting State may be taxed in that other State.

2. However, royalties and fees for technical services arising in a Contracting State may also be taxed in that State according to the laws of that State, but if the beneficial owner of the royalties or fees for technical services is a resident of the other Contracting State, the tax so charged shall not exceed 10 per cent of the gross amount of the royalties or fees for technical services.

3.
a) The term "royalties" as used in this Article means payments of any kind received as a consideration for the use of, or the right to use, any copyright of literary, artistic or scientific work including cinematograph films, or films, tapes and other means of image or sound

1. Les redevances et les honoraires pour services techniques provenant d'un État contractant et payés à un résident de l'autre État contractant peuvent être imposés dans cet autre État.

2. Toutefois, les redevances et les honoraires pour services techniques provenant d'un État contractant peuvent également être imposés dans cet État conformément à la législation de cet État, mais si le bénéficiaire effectif des redevances ou des honoraires pour services techniques est un résident de l'autre État contractant, l'impôt ainsi prélevé ne peut excéder 10 pour cent du montant brut des redevances ou des honoraires pour services techniques.

3.
a) Le terme "redevances" tel qu'il est utilisé dans le présent article désigne les paiements de toute nature reçus en contrepartie de l'utilisation ou du droit d'utiliser tout droit d'auteur sur des œuvres littéraires, artistiques ou scientifiques, y compris les films cinématographiques, les

by'ubumenyi hakubiyemo filimi zo mu bwoko bwa sinema, cyangwa filimi na kaseti cyangwa n'ubundi buryo bwo gutunganya amashusho cyangwa amajwi, impamyabuvumbuzi, ikirango cy'ubucuruzi, igishushanyo cyangwa imiterere y'igicuruzwa, igishushanyo mbonera, ibanga ry'uburyo ibinyabutabire bitunganywamo cyangwa ibikoresho by'inganda, by'ubucuruzi cyangwa by'ubumenyi, cyangwa kubera amakuru ajyanye n'ubunararibonye mu by'inganda, mu by'ubucuruzi cyangwa mu by'ubumenyi.

b) Ijambo "ikiguzi cya serivisi z'ikoranabuhanga" nk'uko rikoresheya muri iyi ngingo risobanura ubwishyu ubwo ari bwo bwose bujyanye na serivisi iyo ari yo yose ya tekini, y'ubujyanama cyangwa y'ubuyobozi, ariko ntirikubiyemo ikiguzi cya serivisi zivugwa mu ngingo ya 8, iya 14, iya 15, iya 16 n'ya 18. Iri jambo kandi ntirikubiyemo amafaranga atangwa n'umuntu ku giti cye ku bujyanye na serivisi zitangwa hagamijwe gukoresha umuntu ku giti cye ndetse n'amafaranga atangwa mu burezi ku bigo by'uburezi.

reproduction, any patent, trade mark, design or model, plan, secret formula or process, or any industrial, commercial or scientific equipment, or for information concerning industrial, commercial or scientific experience.

b) The term "fees for technical services" as used in this Article means any payment in consideration for any service of a technical, consultancy or managerial nature, but does not include payments for services mentioned in Articles 8, 14, 15, 16 and 18. The term does not include also payments made by an individual for services furnished for the purpose of the personal use of the individual and payments for teaching made to or by educational institutions.

films, bandes et autres moyens de reproduction d'images ou de sons, tout brevet, marque de commerce, dessin ou modèle, plan, formule ou procédé secret, ou tout équipement industriel, commercial ou scientifique, ou pour des informations concernant l'expérience industrielle, commerciale ou scientifique.

b) Le terme "honoraires pour services techniques" tel qu'il est utilisé dans le présent article désigne tout paiement en contrepartie de tout service de nature technique, consultative ou managériale, mais n'inclut pas les paiements pour les services mentionnés aux articles 8, 14, 15, 16 et 18. Le terme n'inclut pas non plus les paiements effectués par un particulier pour des services fournis à des fins d'usage personnel et les paiements pour l'enseignement effectués à ou par des établissements d'enseignement.

3. Ibiteganywa mu gika cya 1 n'icya 2 ntibigomba gukurikizwa mu gihe nyir'ibihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga atangwa muri serivisi za tekini, utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano, akorera ubucuru mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano aho ibihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga yishyurwa muri serivisi za tekini bituruka ku kigo gihoraho gihereye muri icyo gihugu kandi uburenganzira, umutungo cyangwa serivisi byishyuriwe ibihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga yishyurwa mu bya serivisi za tekini bifitanye isano neza n'icyo kigo gihoraho. Iyo bimeze bityo ibiteganyijwe mu ngingo ya 7 birakurikizwa.

4. Ibihembo by'ubuhanzi n'amafaranga yishyurwa mu bya serivisi za tekini bigomba gufatwa nk'ibyaturutse mu Gihugu kiri mu Masezerano mu gihe uwishyura aba muri icyo Gihugu. Icyakora, iyo umuntu wishyura ibihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga yishyurwa mu bya serivisi za tekini, uwo muntu yaba ari umuturage w'igihugu kiri mu Masezerano cyangwa atari we, afite mu gihugu kiri mu Masezerano ikigo gihoraho

3. The provisions of paragraphs 1 and 2 shall not apply if the beneficial owner of the royalties or fees for technical services, being a resident of a Contracting State, carries on business in the other Contracting State in which the royalties or fees for technical services arise through a permanent establishment situated therein and the right, property or service in respect of which the royalties or fees for technical services are paid is effectively connected with such permanent establishment. In such case the provisions of Article 7 shall apply.

4. Royalties and fees for technical services shall be deemed to arise in a Contracting State when the payer is a resident of that State. Where, however, the person paying the royalties or fees for technical services, whether that person is a resident of a Contracting State or not, has in a Contracting State a permanent establishment in connection with which the liability to pay the royalties or fees for technical services was incurred, and such

3. Les dispositions des paragraphes 1 et 2 ne s'appliquent pas si le bénéficiaire effectif des redevances ou des honoraires pour services techniques, qui est un résident d'un État contractant, exerce une activité dans l'autre État contractant d'où proviennent les redevances ou les honoraires pour services techniques par l'intermédiaire d'un établissement stable situé dans cet État et que le droit, le bien ou le service pour lequel les redevances ou les honoraires pour services techniques sont payés est effectivement lié à cet établissement stable. Dans ce cas, les dispositions de l'article 7 s'appliquent.

4. Les redevances et les honoraires pour services techniques sont considérés comme provenant d'un État contractant lorsque le débiteur est un résident de cet État. Toutefois, lorsque la personne qui paie les redevances ou les honoraires pour services techniques, qu'elle soit ou non un résident d'un État contractant, a dans un État contractant un établissement stable en relation avec lequel la dette de payer les redevances ou les honoraires pour services

gifite aho gihuriye no kwishyura ibihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga yishyurwa mu bya serivisi za tekiniiki bisabwa kandi ibyo bihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga yishyurwa mu bya tekiniiki byishyurwa n'icyo kigo gihoraho, ibyo bihembo by'ubuhanzi cyangwa amafaranga yishyurwa mu bya serivisi za tekiniiki bigomba gufatwa nk'ibituruka muri icyo Gihugu gihereyemo icyo kigo gihoraho.

5. Iyo, bitewe n'imikoranire yihariye hagati y'uwishyura ibihembo by'ubuhanzi n'amafaranga yishyurwa mu bya tekiniiki na nyir' ukubihabwa cyangwa hagati yabo bombi n'undi muntu, mu gihe umubare w'amafaranga y'ibihembo cyangwa amafaranga yishyurwa mu bya serivisi za tekiniiki, hashingiwe ku ikoresha, uburenganzira cyangwa amakuru ku bihangano byishyurirwa ibihembo, arenze ayari kuba yarumvikanweho hagati y'uwishyura ibihembo n'amafaranga na nyir' ukubihabwa hatarimo imikoranire nk'iyi, ibiteganyijwe muri iyi ngingo bikurikizwa gusa ku mubare w'amafaranga amaze kuvugwa. Iyo bimeze bityo, igice kirenga ku bwishyu kigomba gusoreshwa

royalties or fees for technical services are borne by such permanent establishment, then such royalties or fees for technical services shall be deemed to arise in the State in which the permanent establishment is situated.

5. Where, by reason of a special relationship between the payer and the beneficial owner or between both of them and some other person, the amount of the royalties or fees for technical services, having regard to the use, right, information or service for which they are paid, exceeds the amount which would have been agreed upon by the payer and the beneficial owner in the absence of such relationship, the provisions of this Article shall apply only to the last-mentioned amount. In such case, the excess part of the payments shall remain taxable according to the laws of each Contracting State, due regard being had to the other provisions of this Agreement.

techniques a été contractée, et que ces redevances ou honoraires pour services techniques sont supportés par cet établissement stable, ces redevances ou honoraires pour services techniques sont considérés comme provenant de l'État où l'établissement stable est situé.

5. Lorsque, en raison d'une relation spéciale entre le payeur et le bénéficiaire effectif ou entre ces deux personnes et une autre personne, le montant des redevances ou des honoraires pour services techniques, compte tenu de l'usage, du droit, de l'information ou du service pour lesquels ils sont payés, excède le montant qui aurait été convenu entre le payeur et le bénéficiaire effectif en l'absence d'une telle relation, les dispositions du présent article ne s'appliquent qu'à ce dernier montant. Dans ce cas, la partie excédentaire des paiements reste imposable selon la législation de chaque État contractant, compte tenu des autres dispositions du présent accord.

hakurikijwe amategeko yo mu Gihugu kiri mu Masezerano bireba, hashingiwe ku bindi bikubiye muri aya Masezerano.

Ingingo ya 13: Inyungu ku mutungo

1. Inyungu, utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano, akura mu kwikuraho imitungo itimukanwa ivugwa mu ngingo ya 6 kandi iherereye mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano, zishobora gusoreshwa muri icyo Gihugu kindi.

2. Inyungu zituruka mu kwikuraho umutungo wimukanwa ugize igice cy'ubucuruzi bw'ikigo gihoraho ikigo cy'ubucuruzi cyo mu Gihugu kiri mu Masezerano gifite mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano, harimo inyungu zituruka mu kwikuraho icyo kigo gihoraho (cyonyine cyangwa hamwe n'ikigo cy'ubucuruzi cyose), zishobora gusoreshwa muri icyo Gihugu kindi.

3. Inyungu zituruka mu kwikuraho umutungo ugizwe n'umutungo w'ubucuruzi w'ikigo cy'igihugu kiri mu Masezerano kandi ugizwe n'ubwato cyangwa indege ikoreshwa n'icyo kigo mu

Article 13: Capital gains

1. Gains derived by a resident of a Contracting State from the alienation of immovable property referred to in Article 6 and situated in the other Contracting State may be taxed in that other State.

2. Gains from the alienation of movable property forming part of the business property of a permanent establishment which an enterprise of a Contracting State has in the other Contracting State, including such gains from the alienation of such a permanent establishment (alone or with the whole enterprise), may be taxed in that other State.

3. Gains from the alienation of property forming part of the business property of an enterprise of a Contracting State and consisting of ships or aircraft operated by such enterprise in international traffic or of

Article 13 : Plus-values

1. Les revenus réalisés par un résident d'un État contractant provenant de l'aliénation d'un bien immobilier visé à l'article 6 et situé dans l'autre État contractant peuvent être imposés dans cet autre État.

2. Les revenus provenant de l'aliénation de biens meubles faisant partie de l'établissement stable qu'une entreprise d'un État contractant a dans l'autre État contractant, y compris les gains provenant de l'aliénation de cet établissement stable (seul ou avec l'ensemble de l'entreprise), sont imposables dans cet autre État.

3. Les revenus provenant de l'aliénation de biens faisant partie de l'actif d'une entreprise d'un État contractant et consistant en navires ou aéronefs exploités par cette entreprise dans le trafic

ngendo mpuzamahanga cyangwa uw'imitungo itimukanwa ijyanye n'imikoreshereze y'ubwo bwato cyangwa iyo ndege, zisoreshwa gusa muri icyo gihugu.	movable property pertaining to the operation of such ships or aircraft, shall be taxable only in that State.	international ou en biens meubles affectés à l'exploitation de ces navires ou aéronefs ne sont imposables que dans cet État.
--	---	---

4. Inyungu zituruka ku muturage utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano bitewe no kwikuraho imigabane cyangwa izindi nyungu mu isosiyete ibarizwa mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano zishobora gusoreshwa muri icyo Gihugu kindi.	4. Gains derived by a resident of a Contracting State from the alienation of shares or other interests in a company which is a resident of the other Contracting State may be taxed in that other State.	4. Les revenus réalisés par un résident d'un État contractant provenant de l'aliénation d'actions ou d'autres intérêts dans une société qui est un résident de l'autre État contractant peuvent être imposés dans cet autre État.
---	---	--

5. Inyungu zituruka mu kwikuraho umutungo uwo ari wo wose utari uvugwa mu bika by'iyi ngingo bibanziriza iki, zigomba gusoreshwa gusa mu Gihugu kiri mu Masezerano giherereyemo uwikuyeho umutungo.	5. Gains from the alienation of any property, other than that referred to in the preceding paragraphs of this Article, shall be taxable only in the Contracting State of which the alienator is a resident.	5. Les revenus provenant de l'aliénation de tout bien autre que ceux visés aux paragraphes précédents du présent article ne sont imposables que dans l'État contractant dont le cédant est un résident.
--	--	--

Ingingo ya 14: Umusaruro uturuka ku kazi

Article 14: Income from employment

Article 14 : Revenus d'emploi

1. Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 15, iya 17 n'ya 18, imishahara, ibihembo n'andi mafaranga nk'ayo yishyurwa,	1. Subject to the provisions of Articles 15, 17 and 18, salaries, wages and other similar remuneration derived by a resident of a	1. Sous réserve des dispositions des articles 15, 17 et 18, les salaires, traitements et autres rémunérations similaires qu'un
---	--	---

bitewe n’umurimo wakozwe, n’utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano asoreshwa gusa muri icyo Gihugu, keretse iyo akazi gakorerwa mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano. Iyo akazi gakorerwa mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano, ayo mafaranga yishyurwa umukozi ashobora gusoreshwa muri icyo Gihugu kindi.

2. Hatitawe ku biteganyijwe mu gika cya 1, amafaranga yishyurwa umukozi utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano bitewe n’akazi gakorerwa mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano asoreshwa gusa mu Gihugu cyavuzwe mbere iyo gusa ibi bikurikira byuzuye:

a) uwishyurwa amafaranga akorera mu kindi Gihugu igihe cyangwa ibihe bihura n’iminsi itarenga 183 mu gihe icyo ari cyo cyose cy’amezi 12 atangira cyangwa akarangira mu mwaka w’ingengo y’imari bireba; na

b) amafaranga yishyurwa na, cyangwa mu izina ry’umukoresha udatuye mu kindi Gihugu; ndetse na

Contracting State in respect of an employment shall be taxable only in that State unless the employment is exercised in the other Contracting State. If the employment is so exercised, such remuneration as is derived therefrom may be taxed in that other State.

2. Notwithstanding the provisions of paragraph 1, remuneration derived by a resident of a Contracting State in respect of an employment exercised in the other Contracting State shall be taxable only in the first-mentioned State if all the following conditions are met:

a) the recipient exercises the employment in the other State for a period or periods not exceeding in the aggregate 183 days in any twelve months period commencing or ending in the fiscal year concerned, and

b) the remuneration is paid by, or on behalf of, an employer who is not a resident of the other Contracting State, and

résident d'un État contractant tire d'un emploi ne sont imposables que dans cet État, à moins que l'emploi ne soit exercé dans l'autre État contractant. Si l'emploi est ainsi exercé, la rémunération qui en découle peut être imposée dans cet autre État.

2. Nonobstant les dispositions du paragraphe 1, les rémunérations perçues par un résident d'un État contractant au titre d'un emploi exercé dans l'autre État contractant ne sont imposables que dans le premier État si toutes les conditions suivantes sont remplies :

a) le bénéficiaire exerce l'emploi dans l'autre État pendant une ou plusieurs périodes ne dépassant pas au total 183 jours au cours d'une période de douze mois commençants ou se terminant au cours de l'année fiscale concernée, et

b) la rémunération est versée par ou pour le compte d'un employeur qui n'est pas un résident de l'autre État contractant, et

c) amafaranga atishyurwa n'ikigo gihoraho umukoresha afite mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano.	c) the remuneration is not borne by a permanent establishment which the employer has in the other Contracting State.	c) Les rémunérations ne sont pas supportées par un établissement stable que l'employeur possède dans l'autre État contractant.
3. Mu kubara ibihe bivugwa mu gaka ka (a) k'igika cya 2, iminsi ikurikira ibarirwamo:	3. In the computation of the periods mentioned in sub-paragraph (a) of paragraph 2, the following days shall be included:	3. Dans le calcul des périodes mentionnées au sous-paragraphe (a) du paragraphe 2, les jours suivants sont inclus :
a) iminsi yose yo kuba ahantu harimo n'iminsi yo kuhagera no kuhava, na	a) all days of physical presence including days of arrivals and departures, and	a) tous les jours de présence physique, y compris les jours d'arrivée et de départ, et
b) iminsi yamaze hanze y'igihugu akora ibikorwa nko ku wa Gatandatu no ku Cyumweru, iminsi mikuru y'ikiruhuko ku rwego rw'igihugu, iminsi y'ibiruhuko n'ingendo z'akazi bifatanye isano ya bugufi n'akazi k'uwakira ubwishyu muri icyo gihugu, nyuma y'aho iyo mirimo yasubukuwe ku butaka bw'icyo gihugu.	b) days spent outside the State of activity such as Saturdays and Sundays, national holidays, holidays, and business trips directly connected with the employment of the recipient in that State, after which the activity was resumed in the territory of that State.	b) les jours passés en dehors de l'État où l'activité est exercée, tels que les samedis et dimanches, les jours fériés nationaux, les jours fériés et les voyages d'affaires directement liés à l'emploi du bénéficiaire dans cet État, après quoi l'activité a repris sur le territoire de cet État.
4. Ijambo "umukoresha" rivugwa mu gaka ka (b) k'igika cya 2 risobanura umuntu ufite uburenganzira ku murimo wakozwe kandi wirengera inshingano n'ingaruka bituruka ku mikorere y'umurimo.	4. The term "employer" mentioned in sub-paragraph (b) of paragraph 2 means the person having right on the work produced and bearing the responsibility and risk connected with the performance of the work.	4. Le terme "employeur" mentionné à l'alinéa (b) du paragraphe 2 désigne la personne qui a droit au travail produit et qui assume la responsabilité et les risques liés à l'exécution du travail.

5. Hatitawe ku bivugwa mu ngingo zibanziriza iyi, amafaranga yishyurwa bitewe n'akazi gakorerwa mu bwato cyangwa mu ndege ikoreshwa n'ikigo cy'igihugu kiri mu Masezerano mu ngendo mpuzamahanga, asoreshwa gusa muri icyo gihugu.

Ingingo ya 15: Amafanga agenerwa abagize inama y'ubuyobozi

Amafanga agenerwa abagize inama y'ubuyobozi n'andi mafanga nk'ayo yishyurwa utuye mu gihugu kiri mu Masezerano nk'umwe mu bagize inama y'ubuyobozi bw'isohyete cyangwa urundi rwego urwo ari rwo rwose bihuje imiterere bibarizwa mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano asoreshwa muri icyo Gihugu kindi.

Ingingo ya 16: Abahanzi n'abakora imikino ya siporo

1. Hatitawe ku biteganywa mu ngingo ya 7 n'ya 14, umusaruro, utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano akura mu bikorwa bye

5. Notwithstanding the preceding provisions of this Article, remuneration derived in respect of an employment exercised aboard a ship or aircraft operated by an enterprise of a Contracting State in international traffic, shall be taxable only in that State.

Article 15: Directors' fees

Directors' fees and similar payments derived by a resident of a Contracting State in that person's capacity as a member of the board of directors or any other similar organ of a company which is a resident of the other Contracting State may be taxed in that other State.

Article 16: Entertainers and sportspersons

1. Notwithstanding the provisions of Articles 7 and 14, income derived by a resident of a Contracting State as an

5. Nonobstant les dispositions précédentes du présent article, les rémunérations provenant d'un emploi exercé à bord d'un navire ou d'un aéronef exploité par une entreprise d'un État contractant dans le trafic international ne sont imposables que dans cet État.

Article 15 : Jetons de presence

Les jetons de présence et autres rémunérations similaires qu'un résident d'un État contractant reçoit en sa qualité de membre du conseil d'administration ou de tout autre organe similaire d'une société qui est un résident de l'autre État contractant peuvent être imposés dans cet autre État.

Article 16 : Artistes et sportifs

1. Nonobstant les dispositions des articles 7 et 14, les revenus qu'un résident d'un État contractant tire de ses activités

bwite nk'ibitaramo yakoreye mu kindi gihugu kiri mu Masezerano, mu bijyanye n'ikinamico, filimi, radiyo cyangwa televiziyo, cyangwa mu bijyanye n'umuziki, cyangwa nk'ukora imikino ya siporo, ugomba gusoreshwa muri icyo Gihugu kindi.

2. Mu gihe umusaruro winjizwa mu bijyanye n'ibikorwa by'umuhanzi ku giti cye cyangwa by'umukinnyi ku giti cye bafite mu nshingano zabo, udafatwa na bo ubwabo ahubwo ugafatwa n'undi muntu, uwo musaruro ushobora gusoreshwa mu Gihugu kiri mu Masezerano cyabereyemo ibikorwa by'umuhanzi cyangwa by'imikino, hatitawe ku biteganyijwe mu ngingo ya 7 n'ya 14.

3. Ibiteganywa mu gika cya 1 n'icya 2 ntibikurikizwa ku nyungu zituruka ku bikorwa bikorerwa mu Gihugu kiri mu Masezerano n'umuhanzi cyangwa umukinnyi utuye mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano iyo uruzinduko mu Gihugu cyavuzwe mbere rutewe inkunga mu buryo busesuye n'amafaranga ya Leta y'ikindi Gihugu cyangwa inzego zacyo za politiki cyangwa inzego z'ibanze zacyo. Iyo

entertainer, such as a theatre, motion picture, radio or television artiste, or a musician, or as a sportsperson, from personal activities of that person as such exercised in the other Contracting State, may be taxed in that other State.

2. Where income in respect of personal activities exercised by an entertainer or a sportsperson in that person's capacity as such accrues not to the entertainer or sportsperson but to another person, that income may, notwithstanding the provisions of Articles 7 and 14 be taxed in the Contracting State in which the activities of the entertainer or sportsperson are exercised.

3. The provisions of paragraphs 1 and 2 shall not apply to income derived from activities performed in a Contracting State by entertainer or sportsperson who is a resident of the other Contracting State if the visit to the first-mentioned State is fully supported by public funds of the other State or political subdivisions or local authorities thereof. In such case the income is taxable

personnelles en tant qu'artiste du spectacle, tel qu'un artiste de théâtre, de cinéma, de radio ou de télévision, ou un musicien, ou en tant que sportif, exercées dans l'autre État contractant, sont imposables dans cet autre État.

2. Lorsque les revenus provenant des activités personnelles exercées par un artiste ou un sportif en cette qualité ne sont pas perçus par l'artiste ou le sportif lui-même, mais par une autre personne, ces revenus peuvent, nonobstant les dispositions des articles 7 et 14, être imposés dans l'État contractant où les activités de l'artiste ou du sportif sont exercées.

3. Les dispositions des paragraphes 1 et 2 ne s'appliquent pas aux revenus provenant d'activités exercées dans un État contractant par un artiste ou un sportif qui est un résident de l'autre État contractant si la visite dans le premier État est entièrement financée par des fonds publics de l'autre État ou de ses subdivisions politiques ou autorités locales. Dans ce cas, les revenus ne sont imposables que dans

bimeze bityo, umusaruro usoresha gusa mu gihugu umuhanzi cyangwa umukinnyi atuyemo.	only in the State of which the entertainer or the sports person is a resident.	l'État dont l'artiste ou le sportif est un résident.
--	---	---

Ingingo ya 17: Ubwiteganyirize bw'izabukuru n'andi mafaranga nk'ayo	Article 17: Pensions and other similar remuneration	Article 17 : Pensions et autres rémunérations similaires
---	---	--

Haseguriwe ibiteganyijwe mu gika cya 2 cy'ingingo ya 18, amafaranga y'ubwiteganyirize bw'izabukuru n'andi mafaranga nk'ayo yishyurwa utuye mu Gihugu kiri mu Masezerano bitewe n'imirimu yakoze, agomba gusoresha muri icyo Gihugu gusa.	Subject to the provisions of paragraph 2 of Article 18, pensions and other similar remuneration paid to a resident of a Contracting State in consideration of past employment shall be taxable only in that State.	Sous réserve des dispositions du paragraphe 2 de l'article 18, les pensions et autres rémunérations similaires versées à un résident d'un État contractant en contrepartie d'un emploi antérieur ne sont imposables que dans cet État.
---	---	---

Ingingo ya 18: Serivisi za Leta 1.	Article 18: Government service 1.	Article 18 : Fonction publique 1.
--	---	---

a) Umushahara, ibihembo n'andi mafaranga nk'ayo Igihugu kiri mu Masezerano cyangwa inzego zashyizweho na cyo cyangwa inzego z'ibanze zacyo byishyura umuntu bitewe na serivisi yakoreye icyo Gihugu cyangwa inzego zashyizweho na cyo cyangwa inzego z'ibanze zacyo, agomba gusoresha muri icyo Gihugu.	a) Salaries, wages and other similar remuneration, other than a pension, paid by a Contracting State or a political subdivision or a local authority thereof to an individual in respect of services rendered to that State or subdivision or authority shall be taxable only in that State.	a) Les salaires, traitements et autres rémunérations similaires, autres que les pensions, versés par un État contractant ou une subdivision politique ou une autorité locale de celui-ci à un individu au titre de services rendus à cet État, à cette subdivision ou à cette autorité ne sont imposables que dans cet État.
--	---	---

b) icyakora, iyo mishahara, ibihembo n'andi mafaranga nk'ayo bigomba gusoreshwa gusa mu kindi Gihugu kiri mu Masezerano iyo serivisi zatanzwe mu kindi Gihugu kandi umuntu ari umuturage utuye muri icyo Gihugu:	b) However, such salaries, wages and other similar remuneration shall be taxable only in the other Contracting State if the services are rendered in that other State and the individual is a resident of that State who:	b) Toutefois, ces salaires, traitements et autres rémunérations similaires ne sont imposables que dans l'autre État contractant si les services sont rendus dans cet autre État et si la personne physique est un résident de cet État qui :
(i) ufite ubwenegihugu bw'icyo gihugu; cyangwa	(i) is a national of that State; or	(i) est un ressortissant de cet État ; ou
(ii) ataratuye muri icyo Gihugu hagamijwe gusa gutanga serivisi.	(ii) did not become a resident of that State solely for the purpose of rendering the services.	(ii) n'est pas devenu résident de cet État uniquement dans le but de rendre les services.
2.	2.	2.
a) Amafaranga y'ubwiteganyirize bw'izabukuru ayo ari yo yose yishyurwa, n'Igihugu kiri mu Masezerano cyangwa n'inzego zashyizweho na cyo cyangwa n'inzego z'ibanze zacyo, umuntu bitewe na serivisi zakorewe Guverinoma y'icyo Gihugu, inzego zashyizweho na cyo cyangwa inzego z'ibanze zacyo, agomba gusoreshwa gusa muri icyo Gihugu.	a) Any pension paid by, or out of funds created by, a Contracting State or a political subdivision or a local authority thereof to an individual in respect of services rendered to that State or subdivision or authority shall be taxable only in that State.	a) Toute pension versée par un État contractant, une subdivision politique ou une autorité locale de cet État, ou prélevée sur des fonds créés par ceux-ci, à un individu au titre de services rendus à cet État, à cette subdivision ou à cette autorité, n'est imposable que dans cet État.
b) icyakora, ayo mafaranga y'ubwiteganyirize bw'izabukuru agomba gusoreshwa gusa mu kindi Gihugu kiri mu	b) However, such pension shall be taxable only in the other Contracting State if the individual is a resident of, and a national of, that State.	b) Toutefois, cette pension n'est imposable que dans l'autre État contractant si la personne physique est un résident et un ressortissant de cet État.

Masezerano mu gihe ari ho umuntu atuye
kandi afite ubwenegihugu bwacyo.

3. Ibiteganyijwe mu ngingo ya 14, iya 15, iya 16 n'iya 17 bikurikizwa ku mushahara, ibihembo n'andi mafaranga nk'ayo no ku mafaranga y'ubwiteganyirize bw'izabukuru yishyurwa ku gikorwa cy'ubucuruza cyakozwe na Guverinoma y'Igihugu kiri mu Masezerano cyangwa inzego zashyizweho na cyo cyangwa inzego z'ibanze zacyo.

Ingingo ya 19: Abanyeshuri n'abiga ibijyanye n'ubucuruza

1. Amafaranga yishyuwe umunyeshuri cyangwa uhugurwa mu by'ubucuruza uba cyangwa wari utuye mu kindi gihugu kiri mu Masezerano mbere y'uko agera mu gihugu kiri mu Masezerano, akaba ari muri icyo gihugu kiri mu Masezerano gusa mu rwego rwo kwiga cyangwa guhugurwa, ahabwa mu rwego rwo kumubeshaho, kumufasha mu masomo cyangwa amahugurwa, ntiyakwa umusoro muri icyo gihugu, mu gihe ayo mafaranga aturuka hanze y'icyo gihugu.

3. The provisions of Articles 14, 15, 16 and 17 shall apply to salaries, wages and other similar remuneration, and to pensions, in respect of services rendered in connection with a business carried on by a Contracting State or a political subdivision or a local authority thereof.

Article 19: Students and business apprentices

1. Payments which a student or business apprentice who is or was immediately before visiting a Contracting State a resident of the other Contracting State and who is present in the first-mentioned State solely for the purpose of that individual's education or training receives for the purpose of maintenance, education or training of this individual shall not be taxed in that State, provided that such payments arise from sources outside that State.

3. Les dispositions des articles 14, 15, 16 et 17 s'appliquent aux salaires, traitements et autres rémunérations similaires, ainsi qu'aux pensions, au titre de services rendus dans le cadre d'une activité exercée par un État contractant ou une subdivision politique ou une autorité locale de celui-ci.

Article 19 : Étudiants et apprentis d'affaires

1. Les sommes qu'un étudiant ou un apprenti d'affaires, qui est ou était immédiatement avant de se rendre dans un État contractant résident de l'autre État contractant et qui séjourne dans le premier État uniquement en vue de ses études ou de sa formation, reçoit pour assurer son entretien, son éducation ou sa formation ne sont pas imposables dans cet État, à condition que ces sommes proviennent de sources situées en dehors de cet État.

